0312

K0139132



| | | |
|---|---|---|
| **Identification** | : | **RTLM N°12 0312 le 14/12/93 (FIN)**<br>**le 15/12/93 1 ère partie** |
| **Duration** | : | **60 min.** |
| **Quality** | : | **Good** |
| **Transmission** | : | **RTLM** |
| **Name of transcriber** | : | **MUTETELI Pénine-Joie** |
| **Name of file** | : | **0312** |
| **Date of transcription** | : | **14/9/99** |
| **Dictaphone** | : | **ExpressWriter Model 2750-6SN516525** |

**FACE A**

**Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTLM.** 0.0

... tatu n'iminota mirongo ine n'itanu, saa tatu n'iminota mirongo ine n'itandatu muri studios zacu. Abumva rero Radiyo RTLM, ndabizi muri benshi muri benshi cyane, mukomere mukomere cyane, mugire umunsi mwiza. Muri kumwe na HABIMANA Kantano, ukomeza ashyushya urugamba, gushyushya urugamba babyita mu gifaransa "kwanima". Ee... ni Kantano rero ukomeza ashyushya urugamba ariko adashyushya imitwe.

Hari umaze kuntelefona arambwira ati "bon", ati "uwanjye", ati "uwanjye nywukubise mu mazi", ati nywukubise mu mazi" ati "wari ushyushye", ee... ati "hanyuma noneho" ati "ubu rero rwose ndumva merewe neza". Ni byo, uzajya yumva ashyushye umutwe ajye awukubita mu mazi aworoshye, aworoshye ndakeka ko byagira akamaro. Naho rero abataye imitwe bagerageze kuyigarura, hanyuma bajye bumva neza ibyo Radiyo RTLM igiye kubagezaho.

Hinga rero mbabwire inkuru ishyushye, inkuru ishyushye burya e... burya rero abavandimwe bacu b'Inkotanyi hirya no hino barakora amanama... hirya no hino barakora amanama, ubu ngubu muri Méridien baraye bayihakoreye ira... ii... iratinda cyane, Méridien hariya i Kigali. Ubwo birumvikana ye... yari iyoboye na KARAKE KARENZI, hanyuma n'indi Nkotanyi NDAHIRO, ariko hari n'i... hari n'abavandimwe babo ee... RUMANZI na KAMANZI, niba baratashye simbizi, ariko rero ubwo na bo bari mu nama ariko hari n'Inkotanyi zindi nyinshi, ku buryo zagejeje mu masaa.aa... mu masaa saba y'ijoro zikora izo nama. Ariko rero izo nama nta wuzanze, nta wuzanze niba zigamije kubana neza... kubana neza n'Abanyarwanda, kubana neza n'abavandimwe, e... kubanisha Abahutu n'Abatutsi neza, "esiri"... nta... ntacyo zaba zitwaye. Ikibi rero ni uko zaba zigamije ibintu bibi, nk'inama tumaze kumenya yabereye mu ma... mu... mu gihugu cy'i... mu gihugu gikikije u Rwanda.

Iyo nama rero..., mu by'ukuri burya iyo wakoze inama n'abantu bo kuri réception bashobora kukubona, n'abakuzaniye ibiryo bashobora kureba, n'abagize gute. Burya rero ntabwo ushobora

gukora ikintu uri wenyine ntabwo byashoboka, kereka... cyane cyane iyo gikorewe mu ihoteli.

Mu ihoteli rero yitwa Sheraton, kuwa kane habe... habaye inama kuwa kane w'icyumweru gishize. Iyo nama rero yari kumwe... ya... ya... yarimo Inkotanyi NGEZAYO wo muri Zaïre, harimo RWAKABUBA, ee... harimo NDIYO, uwo NDIYO rero akaba ari umu... ni Umurundi, ni Umututsi w'Umurundi, akaba ari Attaché militaire muri Ambassade y'u Burundi i Paris mu Bufaransa. Ariko yari yaje kuyikorera mu gihugu tu... duhana imbibi ntavuze, hanyuma hari na Cyprien MBONIMPA, Cyprien MBONIMPA uwo baramuvuga mu marorerwa yo ku... yo kugandagura Nyakwigendera NDADAYE, Président NDADAYE. Ee... iyo nama rero yarimo na Dogiteri KIMENYI, iyo nama yari kumwe... yarimo Dogiteri BWAKIRA Nicolas ukora muri ee... Haut Commissariat des ré... pour Réfugiés. Iyo nama kandi na yo yari... yari irimo uwitwa KARUMIYA, KARUMIYA rero akaba aa... ni u... ni i... ni Inkotanyi iba muri Mozambique, hanyuma ikaba iyo nama na none yari irimo uwitwa MBURUGU, ee... MBURUGU rero akaba ari ha... ari umunyamafaranga, ni umunyemari e... w'impunzi. 3.6

Hanyuma rero iyo nama ikintu yari igamije nk'uko twabimenye, yari igamije ngo kureba ukuntu... kureba ukuntu noneho ba... ba... barundanya amafaranga... bakoranya ama... barundanya amafaranga noneho bagashaka abantu ba kabuhariwe mu gutera ubwoba, noneho aho hantu ngo bahakoreye na liste, liste bayi... ee... y'abantu ngo bari muri MRND. Bamaze kubona ko MRND ari ishyaka ridashyiguka, ko ryanga rigakomera kandi bari bazi yuko bazagera ino ryarashize, bakoze rero liste y'abantu bakomeye muri MRND bagomba byanze bikunze guterwa ubwoba byaba ngombwa bakava kuri iyi si.

Muri abo bantu rero... muri abo bantu twamenye yuko na MUGENZI... na MUGENZI arimo, ee... na MUGENZI arimo. Hanyuma noneho mu migambi bafashe bavuze yuko atari ngombwa yuko abo bantu babasanga i Kigali, ko ari ukubacunga bakamenya na programmes zabo, za gahunda, noneho bakaba babakurikira ee... ndetse no mu bihugu... no mu bihugu ee... by'incuti, nk'abagiye muri mission n'ahandi bakaba babasangayo aho ngaho na ho bakaba... bakabagirira nabi.

Ayo mafaranga rero ubwo yenda yarabonetse... yenda yarabonetse ahasigaye ndakeka yuko ee... ari ukwikandagira.

Ibyo ari byo byose imigambi mibi ni iyo kwamaganwa, hah! Gusa imigambi yose iramenyekana ariko simbona yuko abantu bagamije kwica abandi simbona icyo bagamije kugeraho, kuko bararaga uru Rwanda umurage mubi. Abo ni bo bashyushya imitwe ureke RTLM. Abo ni bo banzi b'uru Rwanda ureke abandi bakabya. Kuko umuntu ukora umugambi nk'uwo ngo kugira ngo ishyaka ndijegajeze hinga mbanze nice abantu barikomeyemo, e... ndakeka yuko ibyo bintu ari akaga, ibyo bintu... uwo mugambi mubisha ndakeka ko Inkotanyi zikwiye kuwureka kuko ntacyo bimaze kwica umuntu, ibyo ari byo byose havuka abandi, nyuma kandi nawe uretse yuko ushobora nawe kwica umuntu ukamukurikira, cyangwa se ugateza ibyago nk'ibyo NDADAYE yateje mu Burundi. Urabona abantu ibihumbi n'ibihumbi..., uyu munsi mwumvise kuri radiyo ko bageze ku bihumbi ijana, abantu bapfuye bazize ubusazi bw'abandi.

Hein? Ku byerekeye rero inyeshyamba zo ari zo bita "*les rebelles*" ari bo bita Inkotanyi, ari bo bita iki, abo ngabo kenshi usanga bitaye ku nyungu zabo no ku gitekerezo cyabo gusa ariko batitaye ku baturage. Ubu nta wutekereza ko ashobora kwica nk'umuntu nubwo yaba yewe ari n'umunyamakuru, ugasanga muri quartier abantu baramaranye, bamaranye kubera iki? Uwo muntu se umwiciye iki? Niba avuga ibitekerezo bitagushimishije, nta wushimisha bose, nawe ushobora kuvuga ibitamushimishije, ko aba atakwishe se wowe umwicira iki?

Ndakeka rero yuko uwo mugambi tumaze kumenya nonaha, tumaze gutahura ndakeka yuko Inkotanyi niba koko zikunda abaturage, zikaba zikunda se kubana n'abantu, zari zikwiye kuwufasha hasi. Ntacyo bimaze kwica umuntu nawe utazatura ku isi ubuziraherezo. 7.1

Mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali, ubu ni saa yine zibura iminota itandatu. Ubu rero henga tunyuzemo umuziki turuhuke gato kuko amakuru arakomeza aba menshi.

I... u... saa tanu zirabura... zirabura iminota itanu muri studios zacu, hanyuma rero twirukankaga ku makuru... twirukankaga ku makuru dushaka hirya no hino... dushaka hirya no hino. Ubu rero

hari udukuru duke duke tugenda tu... tubagezaho. Udukuru tugenda tubagezaho, hari amakuru tumaze... twababwiye mu kanya... twababwiye mu kanya rero. Ayo makuru ni ay'inama Inkotanyi zakoreye mu gihugu... mu bihu... mu... muri capitale y'igihugu du... duturanye,ee... izo Nkotanyi rero zikaba zari mu... mu migambi... mu migambi itari myiza nk'uko twamaze kubimenya.

Iyo nama zayikoze kuwa kane, ziyikorera ahantu bita muri Hoteli Sheraton. Ariko rero i Kigali na none Inkotanyi na ho zaraye zihakoreye inama ee... muri Hoteli Méridien, hanyuma muri iyo nama rero harimo NDAHIRO, KARAKE ubwo KARENZI yari arimo, RUMANZI na KAMANZI abo bari bahari, n'abandi, n'izindi Nkotanyi nyinshi.

Hanyuma inama ntabwo ari mbi iyo zigera ku migambi myiza ntacyo ziba zitwaye, niba rero abo bavandimwe bo muri Méridien baraye bize uko tuzabana tugafatanya tukubaka uru Rwanda rwacu ibyo ni byiza. Ariko rero abakoreye inama muri Hoteli Sheraton bo si byo bize, bo si byo bize. Tumaze kumenya yuko muri iyo nama harimo ee... harimo Inkotanyi yitwa NGEZAYO, harimo iyitwa RWAKABUBA, harimo Umurundi witwa NDIYO, akaba Attaché militaire muri Ambassade y'u Burundi i Paris mu Bufaransa, yari yaje rero muri iyo nama hano hafi, hanyuma hari na Cyprien, Cyprien MBONIMPA na we w'Umurundi ee... wari mu... mu by'ariya marorerwa yo kwica Nyakubahwa Perezida NDADAYE, hanyuma hari na Dogiteri KIMENYI muri iyo nama, aa... hari uwitwa BWAKIRA Nicolas ukora muri Haut Commissariat aux réfugiés mu Busuwisi (Suisse), hari KARUMIYA ee... na we ni Inkotanyi ikora muri Mozambique muri Haut Commissariat aux réfugiés na yo, harimo n'uwitwa MBURUGU, MBURUGU rero akaba ari umunyemari.

Hanyuma iyo nama ngo ikintu yigaga kwari ukugira ngo baterateranye amafaranga barebe ukuntu bajya baha abantu bashinzwe ibikorwa bw'i... by'iterabwoba, noneho bakora liste y'abantu bakomeye muri MRND bagomba kuzahitana. Uwo kuri iyo liste utari muri MRND ni MUGENZI Yustini gusa.

Hanyuma rero abo bantu bafata umugambi yuko batazajya babasanga gusa i Kigali, kugira ngo badakanga abasirikare ba... ba ONU cyangwa se bariya ba MINUAR, e... biga yuko bashobora

no kubi... no kubahitanira mu bihugu aho bari... aho bagiye nko muri mission n'ahandi, cyangwa se bakabasanga mu ngo bagiye nko muri congé iwabo cyangwa se mu yandi "mapréfegitura".

Ubwo rero uwo mugambi mubisha ndakeka yuko abantu bari ba.kwa... kwiye kwamagana ibyo bintu byose bigamije kubana mu mayeri abantu bashaka gutsemba abandi ntabwo ari wo muti wo kubana habe na gato. 10.9

Ku byerekeye rero na none Front Patriotique Rwandais, FPR, ee... ni... nababwiye amakuru mbabwira ko nabonye itangazo ryabo, bamwe baravuga ngo "aah", ngo "ni ibihuha", baratelefona cyane ngo "iryo tangazo riri he"? Iryo tangazo rero nk'uko na GAHIGI yaraye aribasomeye, mwaryumvise ariko henga ndibasubiriremo.

Ee... icyo kibazo rero ngo ni uko FPR-Inkotanyi ibona umuti w'amacakubiri ari mu Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri muntu, PL. Ngo FPR-Inkotanyi yishimiye kandi ishyigikiye ukuntu amashyaka ya politique MDR, PSD na PDC yahagurukiye kunga abayobozi b'Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri muntu, PL, nk'uko bigaragara mu rwandiko ayo mashyaka yandikiye Président wa PL ku itariki ya cyenda z'ukwa cumi na kabiri mirongo cyenda na gatatu. Ee... muri urwo rwandiko rwadusanze i Kinihira, amashyaka aributsa impande zombi ko nta ruhande na rumwe rufite inyungu mu gusenyuka kw'ishyaka PL. Ayo mashyaka anatanga kandi ibyifuzo akomeyeho by'ukuntu bikwiye kugenda kugira ngo ishyaka PL rikub... rikomeze kuba rimwe. Uhum, ee... nababwiye yuko FPR yababajwe cyane n'i... isenyi... n'icikamo kabiri rya PL. Ee... noneho ngo ibyo byifuzo rero n'ibi bikurikira:

- Ee... ngo kwibagirwa Congrès yo mu rwego rw'igihugu yateranye ku matariki cumi na cumi na kane Ugushyingo mirongo cyenda na gatatu, kuko yakoreshejwe binyuranyijwe n'amategeko agenga PL, ee... iyo ni PL Lando.
- Gusubika itegurwa rwa Congrès yo mu rwego rw'igihugu iteganyijwe ku matariki cumi n'imwe na cumi na kabiri Ukuboza mirongo cyenda na gatatu, kuko idashingiye ku nzego nyakuri za PL. Inzego nyakuri za PL, iyo rero ni Congrès ejobundi yabaye ya MUGENZI.
- Ngo Abadepite batowe mbere y'umunsi wa mirongo itatu na karindwi wari uteganirijwe

ishyirwaho rw'inzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho, ni bo bonyine bakwiye kwemerwa kuko batowe hakurikijwe amabwiriza y'ishyaka, kandi na Président w'ishyaka ubwe akaba yarayitabiriye. Abo badepite mwumvise uko batowe, nababwiye yuko abo Badepite bo ku ruhande rwa Lando rero..., heh! Urabona ko harimo amayeri, ng... bashyizeho umunsi wa mirongo itatu na karindwi ni wo bitabaje e... ngo kuko ari wo amasezerano y'Arusha yari yavuze. Hein? Abo rero ni Abadepite bo kwa Lando cumi n'umwe, ee... ubwo rero, heh! Murumva icyo bishaka kuvuga, ngo abo Badepite rero ntibagomba gukorwaho.

Amashyaka ya politique agomba kuzajya mu nzego z'ubutegetsi... agomba kuzajya mu nzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho nk'uko biteganyijwe mu masezerano y'Arusha, kandi akubahiriza imyifatire mu bya politique nk'uko iteganyijwe muri ayo masezerano.

- Aa... m... hanyuma FPR-Inkotanyi irasha... irasanga ishyaka PL rigomba kubahiriza ibikubiye mu itegeko rigenga amashyaka cyane cyane mu ngingo zaryo za gatatu, gatanu, icyenda na cumi na kane, ibikubiye mu masezerano y'amahoro ku buryo bw'umwi... bw'umwihariko, imyifatire n'imige... n'imigenzereze mu bya politique *"code d'éthique politique"*. *14.0*

- FP... FP... FPR-Inkotanyi, yagerageje impande zombi... yagerageje impande zombi zifitanye amakimbirane kugira ngo ibonane na zo. Rumwe rwaremeye, turabonana turugira inama yo gusubika Congrès yo mu rwego rw'igihugu ariko rurarenga rurayiteranya nubwo rwari rwaduhaye icyizere cy'ubushake bwo kwiyunga. Ndakeka yuko nabonye..., Minisitiri NTAMABYALIRO yari i Kinihira hanyuma nyuma yaho ahita ataha, ubwo ndakeka ko ari cyo cyari cyamuzanye kubonana na FPR. Urundi ruhande ntabwo rwaje kandi tubona nta wundi muti w'ibibazo bya PL uretse gushyikirana kw'impande zombi. Hariho n'abandi bagerageje kwibutsa amashyaka ko agomba gushyira imbere inzira y'imishyikirano mu gihe yaba agize ibibazo by'ubwumvikane buke. Twatanga urugero, mu nama iherutse kubera i Mombasa muri Kenya mu matariki makumyabiri n'irindwi, makumyabiri n'umunani, n'icyenda Ugushyingo. Bigaga ikibazo cy'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. 15.1

FPR-Inkotanyi isabye ishyaka PL gukora uko rishoboye kugira ngo risubire rimere uko ryari riteye mu gihe amasezerano y'Arusha yemezwaga. Twizeye ko impande zombi zizagira imishyikirano

zigakemura ibibazo by'ishyaka vuba. Tuributsa ishyaka PL ko amakimbirane ririmo akomeje, yaribuza imyanya yagenewe... ryagenewe mu nzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya mirongo itanu n'umunani n'iya mirongo it... itandatu na gatatu y'amasezerano yerekeye igabana ry'ubutegetsi mu nzibacyuho.

FPR-Inkotanyi irasaba abakunda démocratie bose gukomeza inzira y'amahoro, démocratie n'ubwiyunge amasezerano y'Arusha atuyoboramo.

Ibi bikorewe ku Mulindi wa Byumba rero, tariki cumi n'imwe z'ukwa cumi na kabiri. Ubu turi itariki cumi n'enye. Ee... ntabwo ari KANYARENGWE Alexis wasinyeho, ni undi wamusinyiye, signature imeze hnun, nk'igishinwa, nta n'ubwo ari n'iya KAGAME ni undi muntu ugomba kuba akomeye muri FPR ariko rero nyine ubogamiye kuri kiriya gipande cya Lando birumvikana.

Mbese muri make FPR iravuga iti "Bwana MUGENZI Yustini ntugomba gukora ku Badepite batowe ku gihe cya Lando". Abo Badepite mbibutse yuko... Abadepite cumi n'umwe, Abatutsi gusa. Hanyuma rero aravuga ati "kandi rero nukomeza... nukomeza kwirata kuri Lando, Bwana MUGENZI, heh, n'imyanya bakugeneye ntuzayibona, ndetse n'uw'"Abaministres" washakaga na wo ntuzakugeraho.

Mbese mwumve ukuntu... ikibabaje rero muri ibi bintu ni uko abantu baravuga bati "turashaka démocratie", amashyaka akabivuga ariko ugasanga démocratie ari amagambo gusa. None se kwivanga mu mashyaka y'abandi uka... bon. Byaranatangaje aho MDR ee... ya TWAGIRAMUNGU ishaka ngo ubwiyunge ee... e... ishaka kunga andi mashyaka kandi na yo ubwayo byarayinaniye. Ee... ntabwo rero wumva ukuntu Faustin TWAGIRAMUNGU yakunga andi mashyaka cyangwa yayagira inama kandi na we u... u... i... iwe byaramunaniye. Ntabwo waba utajimije inzu yawe ngo ujye kubanza kuzimya iy'umuturanyi. Hnein!

Hanyuma FPR rero na wo, ibyo ari byo byose twababwiye ko na bo bafite ibibazo ariko bumvaga bazaza bakisunga e... PL, PL byibuze ya Lando kuko ni we yifuza, iya MUGENZI bagomba kuba batayifuza na gato, hanyuma rero noneho bagakorana, bagakora assemblée bagakora amategeko,

bagakora ibintu byose.

Kubera ko tuvuga ibya politiki, mwumvise mu kanya nonaha, umugabo witwa RWAMBONERA Evergiste, Président wa MDR i Byumba, heeh! Ukuntu bamukoreye ikintu cya coup ejobundi muri congrès yabaye, noneho bamukoreye cya coup baramwe... baramwirenza, ee... RUCOGOZA (arimyoje). Noneho RUCOGOZA aba ari we utorwa mu mwanya we, e... hanyuma nuko ubwo Evergiste arimo arasakuza ati "nyabuneka, nyabuneka ndagowe".

Ibyo rero byo guca abantu mu mashyaka, kubirukana, abantu bakora inama birukana abandi, abandi bakora indi birukana abandi. Ako kaduruvayo dore ni ko gatuma Guverinoma y'inzibacyuho itajyaho vuba, e... ureke ababeshyera abandi ngo ni bo batuma Guverinoma y'inzibacyuho itajyaho. I... ayo macakubiri..., kubera ko Abadepite ntibaboneka, nuko ugasanga ari igitangaza. 18.5

Naho ku byerekeye rero Fawustini RUCOGOZA, Ministre w'Itangazamakuru, hah, Ministre w'Itangazamakuru, ee... nabanza kumushimira yuko muri iyi minsi yagerageje kwita kuri Presse privée, ni ukuvuga abanyamakuru bigenga. Bajya nk'i Kinihira bakabashakira imodoka, bajya nk'i Bujumbura bakabashakira imodoka gusy... gutyo. Ibyo ni byiza gufasha abanyamakuru bigenga na bo bakageza amakuru ku Banyarwanda, koko nubwo wavuga ngo ikinyamakuru ntucyemera cyangwa se radiyo ntuyumva neza, ngo ntabwo uz... wumva ibyo ivuga, ariko rero hari n'abandi baba bayikunze bayishaka bumva ibyo ivuga, n'ikinyamakuru hari abagikunda, hari abacyanga. Ariko byose ni amakuru uba uha abantu. Iyo uha ama... amakuru abantu ukumva bayakunze rero ibyo nta kibazo.

Ku byerekeye rero Fawustini RUCOGOZA, ee... hari... hari gusa ibintu yari akwiye kugenda yikosoramo. Ee hari ibintu akwiye kugenda yikosoramo kuko nko ku itariki ya karindwi z'ukwa cumi na kabiri mu... ejobundi i saa munani, imodoka ye A mirongo itanu na gatanu mirongo cyenda na rimwe (A.5591) ifite ordre de mission, yegeze i muhu... ya... yasinyeho, yageze i Muhura..., noneho muzi yuko ufashe ordre de mission ajya kuyisinyisha ahantu kugira ngo bamenye ko yagezeyo, ubwo rero bajya kuyisinyisha muri Banque Populaire y'i Muhura muri

Byumba. Heh, abantu b'i Muhura babaye... banazeyo ijisho bati "yampaye inka"! Noneho bareba abari mu modoka, abari mu modoka rero, basanze ari umuserija ushinzwe kurinda ubundi Ministre RUCOGOZA. Hein! Ashinzwe kumurinda, nk'ubwo se e... bw... ntabwo bari kumwe, nk'ubwo se iyo ag... hagira uduhutariza "Umuministre" uwo muserija yagiye za Murambi byari kugenda gute? Ikibabaje rero na none, ni uko uwo muserija yari kumwe n'umuntu witwa UWITONZE François-Xavier, uwo rero akaba ari umuntu w'umunyururu urimo ushakishwa. Umuntu François ye... uwo mu... uwo UWITONZE François-Xavier yahoze ari Encadreur wa Commune, hanyuma aba n'a... n'umwarimu, noneho ee... muri mirongo icyenda na kabiri aza gufatwa yateye grenade aza... asenya inzu y'umugabo witwa KAGABO. Hanyuma rero Inkotanyi mu gitero cyazo cyo mu kwa kabiri zimukura mu buroko i Ngarama, aratoroka ajya kwihisha mu giturage. Bamufashe arongera ajya kwihisha. Bya... none rero uwo muntu ni we wirirwa azenguruka Commune Giti na Muhura na Murambi ya... yamamaza MDR, a... kandi akorana na Ministre. Ministre we ubwe azi ko uwo muntu ashakishwa n'abapolisi, azi ko uwo muntu ashakishwa n'Ubucamanza, none se ibyo birashoboka yuko umuntu w'"Umuministre" muzima yakorana n'umuntu ushakishwa? Hein! Ntabwo byumvikana. Bishoboka bite se noneho yuko baguha umuntu wo kukurinda hanyuma wowe ukajya umwohereza mu bindi bintu bidashobotse? Abaguhaye se kukuri... kukurinda niba bagira ngo... uwo muntu ukomeye w'igihugu akore nta mususu, nta ki. Ubwo kandi yenda Ministre RUCOGOZA amaze gutanga uwo muntu umurinda ubwo yagiye iwe arikingirana ati, uyu munsi sinjya ku kazi batampungabanya, a... akazi kaba karapfuye kandi yari kujyayo afite n'uwo muntu umurinda, ahubwo yamutumye kujya kurinda uwo muntu ee... ufunze ushakishwa. Hnein? Ihaah! Rubanda iri maso! Ntabwo abantu bashobora kujya bica ibintu by'abaturage ee... ngo kugira ngo abantu batabireba.

Mu kanya ndaza kubabwira ibintu biri muri MINITRAPE, na byo ni amayoberane kandi na byo ee... ni ibintu bireba umutungo wa Leta, ni ibintu bireba u... igihugu cyose. Ariko se koko izi nzibacyuho mwo kanyagwa mwe, ubu koko iyi ngiyi yo noneho tugiye gutangira, sinzi igihe tuzayitangirira nako turi... tuyirimo, ubu koko noneho izarangira koko u Rwanda ruri he ko ari yo yayo? Hum? Ni amarorerwa! 22.5

Muzi iby'imodoka za mi... za MINAFFET ejobundi zamenaguwe, hanyuma noneho "bariyaranja",

"bariyaranja" ni "ukwiyaranja", nuko. Nkaho Ministre GASANA wari wavuze yuko biri mu mu... mu mutungo we nako mu mikoro ye, nkaho yazikoresheje reka da! "Bariyaranja" muri Ministère ubu ziri mu magaraje zirimo zirakorwa na Leta! Kandi ibyo binyu... yari yanyuze ku mategeko.

Hanyuma rero iyi modoka na none..., uyu muntu ugomba kurinda Ministre w'umuserija, wirirwa azenguruka "Amacommunes" kandi atari kumwe na "Ministri" ubwo se Ministre arindwa na nde? Ntamukeneye se uwo muntu ra? Hein? Bazamumuhe... bazamujyane noneho.

Hanyuma rero, uriya muntu bakorana aha imodoka agasinya ordre de mission UWITONZE François-Xavier, arashakishwa kugira ngo a... arangize igihano cyo gutera za grenades ku mazu y'abandi, kandi yari afunze yari ari mu buroko, RUCOGOZA ibyo arabizi, kuki ahubwo atamushyikiriza Ubucamanza? Mu kanya ndababwira ibyo muri MINITRAPE, henga tube twumva aka gakuru, nako aka kaziki, heh.

...diyo yigenga RTLM ivugira i Kigali. Radiyo rero RTLM irabatumikira, irabatumikira, nk'ubwo mwumvise aho muzajya kugura ibintu, muzajya kugura ibintu dore Noheli ire... iregereje, ni hafi aho rero muzajya kugura ibintu, mubike udufaranga mujye kugura ayo matara. Aho kugira ngo ukoreshe umunsi mukuru amatara nabura nuko abantu banywere mu ki... mu kizima, wari uzanye ibirayi bya sote (sautées) bamwe babimene bitura hasi babuze umuriro, wagura iryo tara hanyuma ndetse bakanari... bakanamurikirwa kandi unabacurangira FM bakumva noneho RTLM.

Nanyuze muri za quartiers zose numva muri za boutiques bacuranga RTLM reka umuziki, amakuru ashyushye abageraho vuba vuba. Nuko mukomere rero, abantu bose murimo mwumva Radiyo RTLM ndabashuhuje cyane mukomere mukomere. Hanyuma rero...

Mu kanya nari ndimo mvuga ibya MDR, ibya MDR nari niyub... ubwo nari ngeze i Byumba aho uwitwa Evergiste n'abitwa bande yande bose baba... a... babirukanye ku buryo butumvikana ejobundi ku cyumweru, hanyuma rero ubu na bo bariyu... ubu ntabwo basinzira na bo. Burya iyo umuntu yagushyize mu majwi, cyane cyane ko byavuzwe kuri Radiyo Rwanda, ubu barumiwe bati yampaye inka bi... bigenze gute? Hein! Twiteguraga kuba Abadepite, abandi twarimo dukomera

none baratubirinduye! Ubu rero birakomeye.

Ariko twarimo tuvuga rero nyine kuri Ministre Fawustini RUCOGOZA wahiritse Evergiste, e... ibyo... ibyo byo ni byo mu mashyaka yabo ntawa... puu, gutembagazanya, gucana, kugira gute. Ibyo nta wabigarukaho, gusa icyo twabwiraga Fawustini RUCOGOZA Ministre wa Information, ni uko mu modoka ye ejobundi ku itariki zirindwi za... kuri cumi na kabiri.ii... z'uku kwa cumi na kabiri, imodoka ye, rwose A mirongo itanu na gatanu mirongo cyenda na rimwe (A.5591), yahingutse i Muhura muri commu... muri... i... muri Commune Muhura i Byumba, irimo ee... umuserija, umuserija witwa NDABAKURANYE, umuserija witwa NDABAKURANYE. Uwo muserija ubundi agenewe kurinda ru... Ministre RUCOGOZA kuko abantu bose bakomeye muri iki gihe babahaye abantu babarinda. Aho kugira ngo rero amurinde ya... yahise yifatira... yamusinyiye ordre de mission yigira aho ngaho i Muhura, ee... ubundi ngo yirirwa azenguruka muri Giti na Muhura na Murambi. Aah! Ndakeka yuko icyo gihe yashakaga abantu bo kuzajya muri congrès i Byumba. Hanhanh! Noneho ni byo koko.

Nuko noneho aho kugira ngo rero amurinde noneho, ahubwo ajyana n'umuntu witwa UWITONZE François-Xavier ushakwa... ushakwa kubera ko yatorotse uburoko yateye grenades ku mazu agasenya inzu y'umugabo witwa KAGABO.

Bari baramufungiye i Ngarama Inkotanyi ziramu... zi... ziteye abanyururu bariruka, birutse uwo mugabo na we abirukamo yihisha mu giturage. Ukuntu rero yaje gukubitana na Ministre Fawustini RUCOGOZA ku buryo amushyira mu modoka ye akayimutiza, akaba ari we aha ubutumwa bukomeye kandi azi ko ashakwa, ahubwo ni ko kaga.

Nyuma rero maze kumenya yuko ahubwo uwo serija NDABAKURANYE, ahubwo yari agiye... yari agiye kurasa Bourgmestre wa muhu... wa Muhura, MURAMUTSA. Hein? Wumve nawe! Kubera ko MURAMUTSA yari avuze ati "eeh, eeh"! Ati "yah"! Ati "uriya mbonye ni nde"? Ati "yampaye inka"! Ati "have have muzane". Nuko noneho umuserija ubwo aba aramurinze. None se, hum? Nyakubahwa Ministre, e... heh, none se heh, umuntu wari ukuri... wagombaga kukurinda asigaye arinda aba...hah, abatorotse noneho abaga... asigaye arinda abatorotse uburoko? Ntabwo

bishoboka, ahubwo ni ukuha uwo muserija ubutumwa vuba vuba bwihutirwa yuko yamushyikiriza... yamushyikiriza ubutegetsi ee... bubishinzwe. 27.1

Na none rero ku byerekeye MDR, ibya MDR ni urudaca, ntabwo... kugira ngo bizarangire muri iyi minsi ni akumiro. Noneho mbonye ibarwa e... copie y'ibaruwa bandikiye... bandikiye Musenyeri Tadeyo NSENGIYAREMYE.. (NSENGIYUMVA), Musenyeri w'i Kabgayi ari we ngo Président du Comité de contact. Ni we ushinzwe kubahuza na... la... kubahuza kubunga na Révérend Pasteur Michel TWAGIRAYESU, uwo na we ni Umuporoso ushinzwe na we ku... kubunga.

Noneho baramwandikiye bati "hah, twarateranye itariki icyenda tuvuga yuko hazaba Congrès spécial MDR izagomba kurangiza ibibazo byacu hagati ya MDR na TWAGIRAMUNGU. No kureba uko twashyiraho Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'i.ii...izagira... iza... izaza muri iyi minsi dutegereje. Bati "ariko Radiyo Rwanda itubwiye yuko habaye inama ya Guverinoma i Kinihira, ha... itariki icumi a... nako ee... habaye inama yee... i Kinihira itariki icumi, hanyuma noneho ngo igasaba iyo nama y'i Kinihira, igasaba yuko hajyaho Guverinoma kuri mirongo itatu na rimwe bitarenze ku itariki mirongo itatu na rimwe. Na Generali DALLAIRE ni we wavuze ati "hagati ya Noheli na... n'uku... n'umwa... n'u... n'umumira... mu mpera z'umwaka Guverinoma izaba igiyeho. Ahnah! Guverinoma..., DALLAIRE, abo ba MINUAR, abo bose barabyemeje. Noneho bati "rero haa..., abantu bo muri MDR..., ndabona byarasinyweho na NSENGIYAREMYE Dismas, KARAMIRA Froduald, MUREGO, e... Visi Perezida wa mbere mbese NSENGIYAREMYE, KARAMIRA na MUREGO, basinye kuri iyo barwa bavuga bati "rero haa... mugomba kwitondera ibyo bintu, mugomba kwitondera ibyo bintu mukareba uko iby'inama twavuze y'itariki cyenda, n'ibyavugiwe i Kinihira uko byajyana". Ati "uko byagenda kose rero MDR, aa... MDR irasanga ibyo mwakora byose kugira ngo munyure ku ruhande rw'ibyafashwe mu... mu nama ee... y'itariki cyenda z'ukwa cumi na kabiri, aa... ngo hanyuma bikaba byatuma Guverinoma ee... y'inzibacyuho irimo Inkotanyi ijyaho, ngo ibyo ngibyo ngo byaba binyuranye n'ibintu mwiyemereye. Ngo ee... aha rero, ibizaba byose ee... ibyo ngo bizabazwa abo Basenyeri. Heh! Umva burya ni byo koko abantu b'Imana kunga abantu, ariko rero... ba uretse uzandebere rero nawe Abasenyeri, bihaye kunga abanyapolitiki! Ariko ubu

bahakana ko batari muri politiki ra ? Haah! Yewe bantu b'Imana, nzaba numva, nzaba numva! Dore noneho uti "hnah! Guverinoma iramutse itagi... iramutse igiyeho n'ibintu twavuganye ni akazi kanyu muzaba mwi... mu... muza... muzarwigendeho. Ubwo barabwira abo Basenyeri, abo Basenyeri ngo ubundi bagomba kwigisha iby'Imana gusa, ni byo yego kunga abantu ariko rero iyo bivanze muri politique na bo ibivangamo hanyuma noneho bazabwire abantu ko batari muri politique.

Sinzi umuntu wari urimo abaza ejobundi, abantu burya barakurikira bati "ariko Musenyeri Tadeyo NSENGIYUMVA, twumvise ko y... w'i Kabgayi, twumvise ko yashyize itangazo ahagaragara ry'abakirisitu ee... ngo b'i Kabgayi hnum... impapuro mirongo itatu n'eshanu, ati "ariko ko naba ari Erchevêché.. naba ari iki ko biba i Kigali, ibintu byose bikorerwa i Gitarama.aa... buri gihe, buri gihe ni bo batanze amatangazo, ni bo bahuje Inkotanyi n'urubyiruko rw'andi mashyaka! Ni bo bahuje iki! Ati " i Gitarama ga noneho, yampaye inka" ati "ariko hum! Iby'uwo Musenyeri bite? Abantu baribaza burya ntukabakineho.

Hanyuma rero mukomeje kumva Radiyo yigenga RTLM, turuhuke gato twumva uyu muziki, hanyuma mbasomere ibintu n'aa...bonye mu... mu kinyamak... 31.3

**Fin de la FACE A**

K0139146



**FACE B**

**Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTLM.** 0.6

... haje rwose abana b'amoko yose, nuko "akagroupe" k'abana benshi b'abakobwa baraza bati "Kantano rwose waravuze uti "bariya Babiligi bite ba... batwegereye"? Bati "rero rwose Kantano twikundira turashaka kukumenyesha yuko bariya Babiligi rwose tumenyeranye", bati "tubareba nk'aho hagati yacu na bo hari senyenge" noneho sinzi uvuze ati "ese ko ari abapara", ati "niyo bashyiraho bya senyenge ko babisimbuka", nuko noneho batubwira rwose ko "nta kibazo", ko "ahubwo bazajya bivugi... bivuganira urufaransa, ariko ko ibindi bitarimo".

Maze rero bashiki banjye, mukomere cyane, mubane neza n'Abazungu. Ibyo ari byo byose kumenyana n'Abazungu na byo si bibi, hein? Hari abo byagiye bigirira akamaro. Ee... ariko rero, hum! Mwibuke ko mutari mwarangiza amashuri yanyu, kandi mwibuke ko bareha.. bagabo, biriya bisore byirukanka ku mapikipiki buriya ni abagenzi, uwo bakorera.a...heh, uwo bakorera urusyo ntiyazamenya n'iyo bagannye.

Murabizi ko ari "Abaminuar" yenda bamwe ntibazanarangiza n'ibyumweru bibiri hano cyangwa ukwezi, abazajya bahamara igihe kinini ni amezi atandatu bagasimburana. Ubwo rero ntihazagire utwarwa ngo umutima ushyuhe, heeh, ati nabonye agafiyanse ka akazungu! Nuko ngo usange arijijisha yirenza... yirengagiza haah... bene wabo b'Abirabura hanyuma najya kubona arebe hose.ee... yo! Asange cyarakubise!

Bariya ni abagenzi barihitira, ariko rero mukabafata neza, mukabasekera nuko mu bwenge bwa kinyarwanda nyine, mu myi... mu myiyubahire y'Abanyarwandakazi. 2.4

Maze rero mwakoze rwose kuza kutubwira ko mukunda RTLM, bana bo muri Lycée mwese ndabashuhuje, hanyuma muzagire Noheli nziza, mugire umwaka mwiza, hanyuma mugire n'ibiruhuko byiza.

Ngiye rero hfu... noneho kubatumikira. Inama rusange, ni inama rusange ihamagariwe abantu bita "Abavunyi". Iyo nama rusange rero abahagarariye Abavunyi bishimiye gutumira abaturage bose batuye Butare ya mbere, kuzaza ari benshi mu nama rukokoma ya nyuma y'ishyirahame... y'ishyirahamwe ryabo, kuwa gatatu itariki ya cumi na gatanu z'ukwa cumi na kabiri mirongo icyenda na gatatu, saa kumi n'imwe ku biro komi... ee... ku biro Commune Kicukiro ikoreramo. Ni inama ya nyuma yo gusesa cyangwa gushyigikira ishyirahamwe ryanyu, birumvikana ko nimutaza muri benshi gushyigikira umutekano, ishyirahamwe rizaseswa bidasubirwaho. Ni Président rero w'Abavunyi.

Irindi tangazo, abagize Comité ya MRND na bamwe mu barwanashyaka bo muri Commune Kicukiro, bateranye kuri cumi na kabiri z'ukwa cumi na kabiri basu... basuzumira hamwe ibibazo byugarije igihugu cyacu. Nyuma y'ibitekerezo byatanzwe hemejwe ibi bikurikira:

- (Icya mbere) : abari mu nama bifuje ko Guverinoma ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata yagena vuba na bwangu ishimwe ry'Abaselire nta yandi mananiza, kuko nta n'umwe ushyira mu gaciro uyobewe akamaro kabo ee... bagaragaje hamwe n'ingabo z'igihugu baharanira ubusugire bw'igihugu n'abagituye kugira ngo kidafatwaho umunyago.

- Icya kabiri: abari mu nama bishimiye ko... bishimiye ko abasirikare ba MINUAR bamaze kugera mu Rwanda ari benshi, bityo bigasaba ko Guverinoma y'inzibacyuho yaguye yajyaho vuba igakuraho akajagari kamaze kuba akarande mu micungire y'ibya rubanda no kuzambya umutekano.

- (Icya gatatu) : abari mu nama bamaganye kandi abategetsi batangiye kuzana akajagari mu bigo bya Leta n'ibyigenga, nk'Isanduku yo kuzigama y'u Rwanda, ELECTROGAZ, n'ahandi. Bakaba bashaka gutera akaduruvayo bagamije inyungu zabo bwite. Abakozi b'ingeri zose bo mu bigo byose basabwe kuba maso bakabamagana hakiri kare.

- (Icya kane) : abari mu nama basabye Leta ko yabaza Ministre w'Imari kugena vuba uburyo yumva abakozi b'Isanduku yo kuzigama y'u Rwanda bazabona imperekeza bagenerwa

n'amategeko ndetse n'uko bazamera nyuma y'iseswa ry'iyo sanduku. N'ababikije amafaranga yabo bakayahabwa kuko iminsi mikuru yegereje kandi n'abanyeshuri bagomba gutangira igihembwe cya kabiri bitwaje amafaranga.

- (Icya gatanu): abari mu nama basabye abayobozi b'amashyaka kureka kwivanga mu mitegekere n'imicu...n'imicungire y'andi mashyaka kuko ari byo bitera umutekano muke. FP... FPR na yo igomba kureka kwivanga mu bitayireba. Yagiranye amasezerano na Guverinoma, ntabwo ari ishyaka iri n'iri. Abaturage ni bo bonyine bazayicira... bazaya... ayo mashyaka bazayacira urubanza ku munsi w'amatora. 5.4

- Icya gatandatu : abari mu nama bagaye by'umwihariko GASAMAGERA Evarisiti, Bourgmestre wa Commune Kicukiro, wanze gutiza abarwanashyaka ba MRND icyumba cyo gukoreramo inama. Ntiyagombye gufata ibya rubanda ngo abyitiranye n'ibye cyangwa uby'Abakombozi gusa. Commune ni iy'abaturage bose n'utari mu ishyaka iyifitemo uruhare. GASAMAGERA Evarisiti nagende mu budepite atanduranyije cyane.

Iyo rero ni inama yabaye ku Kicukiro bagira ngo bavuge akababaro kabo muri ibyo bintu mwumvise. Hanyuma rero itangazo ryo kurangisha ibyangombwa. SINGIRANKABO Ernest ararangisha ibyangombwa yataye kuri Stade Amahoro i Remera, harimo:
- Indangamuntu,
- Permis de conduire,
- Ee... n'izindi mpapuro. Uwabibona yabigeza kuri farumasi iri hirya ya feux rouges Nyabugogo ugana i Gitarama cyangwa munsi ya gare... ya gare routière kuri RWANDA FOAM, azahembwa amafaranga ibihumbi bitanu. Uhnum!

Ku byerekeye aya matangazo rero, niba koko ubwiye umuntu uti nzaguhemba amafaranga aya n'aya, jya uyamuha, hum? Ntabwo... aba yagutoreye ikintu kandi ukamwizeza ibyo bintu. Ni nk'amasezerano rero, utazajya abitanga mujye mubizana hano tubifatire kuko... mpaka atanze iki gihembo aba yiyemereye.

Hnein! Hari uwo ushyira ibintu bye yamara kubibona habe no kukujugunyira na fanta, kandi wiyushye akuya, haah, ugira gute. Hein? Ntabwo byumvikana.

Ku byerekeye rero na none gucunga neza ibya rubanda. Hari ibintu muri MINITRAPE... muri MINITRAPE mu by'ukuri. Muri MINITRAPE rero, abagenda mu mihanda mujya mubona amazu ashenye, nko ku ki... ku Kimicanga, hari ahantu bagombaga gushyira station ya essence, bon, abakozi ba MINITRAPE barahashenye. Hari inzu y'uru... umugabo RUHUMULIZA Feneyasi, iyo nzu yari ee... hafi ya RWANDAMOTOR mu... mu... m... ahagana i Gikondo, iyo nzu abantu bo muri MINITRAPE barayishenye, yari étage atangiye kuzamura. Bon, bigasenywa n'a... n'ibintu by'agahimano... by'agahimano by'abantu bakora muri MINITRAPE.

Muri abo rero bakora muri ibyo bintu, hari umugabo witwa ee... RAFIKI Yacinthe. RAFIKI Yacinthe rero henga hano umugabo KABUGA Felesiyani, uhagarariye iyi Radiyo RTLM, yaranditse asaba ikibanza cyo kugira ngo ee... iyi nzu ee... iyi radiyo ye gukomeza gukodesha. Noneho yandikira MINITRAPE ati ee... "isosiyete y'abantu benshi cyane, kuko abantu baracyakomeza gutangamo imigabane, abantu barenze ibihumbi bingahe, ati "noneho turasaba ahantu twakwiyubakira ee... twakwiyubakira tukishyirira ikibanza. Muzi ukuntu Yacinthe yashubije? RAFIKI Yacinthe, ntabwo byu... u... ba uretse mbasomere mwumve murumirwa. Yarashubije ngo..., asubiza ibarwa bamwandikiye basaba ikibanza cyo kubakamo inzu ya RTLM, ni "Société anonyme" yemewe n'amategeko. Ni nka wa wundi wayambuye abantu benshi akayiha umuntu umwe a... bon, ibyo... uwo nguwo yaza bakamuha amategeko ya RTLM yayishyizeho, ukuntu imeze, uko ikora. Nta... isosiyete ishyirweho n'abantu koko igihumbi, umuntu akavuga ngo "non" ngo "njyewe nyihaye umuntu umwe", ari umuntu ujujitse! Ntabwo ari byo.

Ubu rero na we RAFIKI Yacinthe u... wo muri MINITRAPE umenya ahari ari we uyitegeka simbizi, yaranditse ku ibarwa officielle bari bamwandikiye bati "nyamuneka muduhe ikibanza twubakiremo iyi radiyo, muri uyu mujyi". Ubwo rero Yacinthe yaranditse ngo..., myumve mu gifaransa, yaranditse ngo "Monsieur KABUGA a suffisamment de par... a assez de parcelles dans cette ville, il n'a qu'à installer ses appareils dans ses propres propriétés". Nimunyumvire abumva igifaransa ubwo mwumvise ra? Ni akumiro!

Hih... ibaze... ibaze yenda Ministre GATABAZI ashatse nko kubaka iduka agasaba ikibanza, ibyo ari byo byose abantu basaba ibibanza. Noneho umuntu akamu... akamusubiza ngo uzajye kuba... uzajye... nta kibanza MINITRAPE iguhaye, uzagende urebe nko mu mazu yawe ari nko mu Kiyovu cyangwa hehe uku... usenyemo imwe wubakemo iryo duka ryawe! Heh! Ubwo koko icyo ni igisubizo u... ku muntu ucunga ibintu bya Leta? Hum?

Nyamara ku bindi bya... byo muri MINITRAPE ibiteye ubwoba njye mbona bikabije, eh... nako abatumva igifaransa, batse muri MINITRAPE ikibanza cyo kubakiramo iyi radiyo ee... Yacinthe RAFIKI yarashubije ngo , ngo "wowe KABUGA" ngo "ufite ibibanza byinshi" ngo "uzajyane ibyo byuma bya... bya RTLM" ngo ubyu... u... "ubyubakire mu bibanza byawe", ibaze! 10.4

Isosiyete y'Abanyarwanda benshi, Abanyacyangugu, abanya... hehe, barayi... barayima aho yubaka muri uru Rwanda! Ubwo se ibyo ni ibintu ni ko gucunga neza ibya rubanda? Ayo se ni yo mizero y'abaturage?

Naho rero ku kindi kibazo, kuri ibyo bibanza bisenywa n'ayo mazu asenywa. RUHUMULIZA Feneyasi yareze MINITRAPE kuko yari yamwemereye icyo kibanza, arayirega none ubu yayitsindiye ngo miliyoni cumi n'eshatu. Ayo mafaranga Leta igiye kuyatangira iki koko? Ko bari bazi ko bamuhaye ikibanza, kumusenyera gusa ngo ni Interahamwe ibyo ni byo byari i... bifitiye iguhugu akamaro?

Iyo uri... rero station ya essence na yo yo Kimicanga, ubu ngo nyirayo yarareze yatsindiye Leta i...miliyoni makumyabiri! Ubwo se ibyo bintu mwo kagira Imana mwe, umuntu bazajya bamuha ikibanza ee... noneho banyure inyuma bagisenye, yongere ajye kurega Leta yishyure, hnum! 11.3

Na none rero hari ibintu na none mbona i REMERA bikanyobera. I Remera muri plan y'umujyi abaturage bafite uburenganzira bwo g... bwo kureba ibyabo. Abantu bimutse mu isoko bi... b... bubaka ahantu hari hatanzwe na MINITRAPE, ariko MINITRAPE ifite ahantu hagenewe isoko hari hafi aho ngaho. Nkaho yashyizeho icyapa iti aha hantu hagenewe gusenywa, haza... hazubakwa isoko ahubwo yarabyihoreye none abantu bariyubakira, bamwe ubu bubatsemo

amabare, abandi bubatsemo iki. Kandi ibyo bintu barabikora abakozi ba MINITRAPE bareba, ejo bazajya kubarura iby'isoko hamaze kugera amazu ibihumbi icumi kandi hari... ha... hari hateganyijwe... nta cyapa gihari kihabuza, abakozi bahanyura buri munsi ntibajya kubuza abo bantu kubaka, hanyuma noneho nibageraho bati isoko kurihubaka riratunaniye cyangwa tubuze amafaranga yo kwirukana abantu bubatse amazu, kandi barayubaka bareba kandi mu kibanza cya Leta giteganyijwe bizwi. Ubwo se mwo kagira Imana mwe turagana he muri iki gihugu? 12.4

Maze rero henga twumve akaziki turuhuke gato, hanyuma noneho mbagezeho andi makuru ee... andi makuru akomeza angeraho buhoro buhoro. Ndakeka yuko uyu munsi mutagize agahinda cyane, mutagize agahinda cyane kandi, kandi nizere ko nta bababaye cyane, nta we nababaje. Radiyo yacu ntabwo ari... ari... ari radiyo yo kubabaza, ntabwo mba nazinduwe no kubababaza ariko mba nazinduwe no kuvuga ukuri.

Ee... ubu ngubu nka Ministre RUCOGOZA aho ari aravuga ati, yaah! Ati ngaho da! Bandamukiyeho ni igitangaza! Ni nde wamenye ko nohereje serija iriya mu... muri za... za hehe? E... ahubwo we yara... yaranamwoheje ahubwo ashaka no kurasa Bourgmestre umenya ari na cyo cyanatumye binamenyekana cyane.

Nyuma rero abantu basigaye bareba ibintu, hari n'umbwira ati "koko MININTER" ati "rwose" ati "hari abantu bajya... bigeze kujya bariha imodoka za Leta" ati "none... nako muri MINAFFET kuki Ministre we atariha"? Nuko t... ugasanga nyine nta deux poids, deux mesures. Niba ufatiye ibyemezo aba, n'aba bafatire ibyemezo. Ariko rero umenya muri... mu nzibacyuho bibura ubifata ahari nta wamenya ariko rero hum!

Bambwiye ko ngo MUTEMBEREZI yigeze kuriha imodoka ya Leta, sinzi aho yari yagiye igira isanganya nka kuriya GASANA byamugendekeye, hanyuma noneho ha... arayiriha. Hum? Hein! N'undi rero yari kuyiriha, ariko rero amafaranga umenya ari menshi kandi ahari umenya adakize cyane... e... adakize cyane umenya atayabona. Ariko rero yari akwiye kwandika asaba imbabazi, iki hose, n'abantu bakanabimenya cyangwa se akaza n'ahantu akavuga ati si jye, iki. Akicuza ko rwose yakoresheje ibya Leta nabi.

Hanyuma rero rwose hum? Abagiye bababazwa n'ibyo Radiyo RTLM yatangaje mujye mubyihanganira ibiriho biravugwa kandi ngira ngo iyo radiyo... iyi radiyo nyine ahubwo bayikundira nyine yuko ivuga ibiriho. Ubwo rero ntabwo twareka ibyo bayikundira ngo tubashimishe, hnii, ashwi.

Hum, abandi barambwiye bati "ahahah! Kantano hari ina... hari conférence de presse yari iteganyijwe ya Ministre w'Intebe", bati "none" e... bati "ko utubwiye ko ibuze, iburiyemo bigenze bite"? Bati "aho si uko umubwiye ibibazo wari kumubaza akaba agize u.
bwoba"? Hnim? Mubaza abashaka kumwica, mubaza impamvu inama za Guverinoma zitagiterana, mubaza iki. Hneh! Wa mugani ibyo bibazo byari bityaye!

Ariko rero azadushakira umwanya adusobanurire, erega Abanyarwanda, heh! Ntabwo ari ..kugenda ukicara ngo muri M. gusa e... n'abajandarume n'iki, ugomba no kuvuga impamvu ufite ibyo bintu byose e... by'abaturage. Nguko uko bimeze.
Nguko rero iyi radiyo yanyu ntizajye ibatera agahinda cyane me... ni ko yabaye. Twumve akaziki.

...va RTLM ivugira i Kigali, ubu saa sita zirabura iminota e... nk'umunani muri studios zacu. Saa sita rero icyo mu nda kiba gishaka icyo mu nkono, ku buryo... ku buryo rero duhagarika ibyuma byacu, hanyuma noneho igihe turabona kitubana gikeya, igihe kiratubana gike ariko henga m... mbatumikire mbere yo kubabwira amakuru ya nyuma mfite.

Ee... umugabo rero KAYOMBYA Inosenti ukomoka muri Commune Muhazi i Kibungo ararangisha ibyangombwa bye, byatakaye mu muhanda uva i Remera ugana mu mujyi. Byatakaye ejo nimugoroba itariki ya cumi na gatatu z'ukwa cumi na kabiri. Ibyo bya ngombwa ni ibi bikurikira:

- Irangamuntu.
- Uruhusa rwo gutwara imodoka.
- "Ikarite" y'akazi n'izindi mpapuro.

Uwabibona yabigeza kuri MICOMART... MINICOMART, akabiha uwitwa MUNYURANGABO

Anselme bita "DE CHARROI", cyangwa kuri Service allemand de développement, iruhande rwa Comptoir ya Nyabisindu. Uzabibona azahembwa amafaranga magana atanu.

Aho kubika ibyo bipapuro rero ee... bidafite icyo byakumarira, genda wifatire ayo mafaranga magana atanu. KAYOMBYA Inosenti ukomoka muri Commune Muhazi yataye ibyangombwa nubibona ubijyane kuri mi... MINICOMART cyangwa se ee... ubihe umugabo witwa muny... MUNYURANGABO Anselme cyangwa ubijyane kuri Service allemand de développement, iruhande rwa Comptoir ya Nyabisindu, wibonere ayo mafaranga. 16.9

Irindi tangazo dufite ni irya... ni irya abasajese, abasajese rero burya nagira ngo ni... nagira ngo ni n'abasore gusa ba bandi bapfunyi... ba... ba... bazirika imisatsi, ee... ariko rero hano hageze... hageze umukecuru aratubwira ati "nanjye ndi umusajese" ati 'turi abantu b'abakene" ati "dufasha ..bintu tu... za orphelinats n'iki". Ati "none rero " ati "twababajwe nuko rwose umuntu wacu w'Imana " ngo "witangiye abakene witwa mwe... Maïtre Abdallah SALOMO", ngo "rwose abantu" ngo " b'i Gikondo" ngo "ba.aa", (arimyoje) ngo "baramuharabitse", ngo "ni cyo kituzanye hano" ngo "turababaye". Ngo "ni yo mpamvu rero" ngo "tuvuga" tuti "rwose kuki mwamuharabitse"? Ngo "bazabereke abo batetseho umutwe", e... ngo "baramubeshyeye", ngo "umucumbikiye rero" ngo nta... ngo "nta ngorane arimo" ngo "ni ugukabya, ubwo rero rwose" ngo "Maïtre SALOMO" ee... ngo "abamuvuga bamuhe amahoro" ngo "hanyuma bazanye bareka"... ngo "niba bazi ko ari umutekamutwe bajye bareka kugenda ngo awubatekeho, hanyuma ibindi i.... ibindi birorere".

Hanyuma rero... hanyuma noneho, mu kurangiza rero, mu kurangiza... mu kurangiza ibiganiro byacu. Uyu munsi nari mfite kubasomera "Imbaga"... "Imbaga" hari ibintu yatwand... yanditse kuri Radiyo RTLM, none mbuze umwanya wo kubisoma.

Hari abaturage b'i Kibungo bi... bamagana cyane umuntu witwa Bwana MATATA Yozefu,ngo "ni Umunyamabanga uhoraho w'ARDHO". Uwo muntu akaba agenda ateranya abantu n'abandi, e... akora za rapports zidafashe, hanyuma rero uwo mugabo bakaba bamwiyamye cyane. Ndabona igipapuro kinini yanditse, nuko agenda ashyiramo za rapports bakavuga yuko ari irondakoko

n'irondakarere ryuzuyemo gusa. (arimyoje)

Ubwo na we mbuze umwanya wo kumuvugaho, ariko nzamuvuga. Hari abandi rero na bo bambwira bati "Kantano ukunda kureba umupira kandi ejobundi warawubonye", ati "rwose kubona hein, ati "ziriya Nterahamwe ziza zambaye iriya myenda mu kureba umupira nta kindi zigira zambara"? Bati "ko bamwe bazibona bakagira ubwoba ntibarebe umupira neza", bati "kandi rwose hari abo twabonanye "igrenade", bati "wabonye abantu birukanka burya yari asohoye grenade abantu barisesa, bavuga ngo "batwike izo Nyenzi", ati "rero mwo kagira Imana mwe rwose abapolisi bari ku muryango bajye bareba".

Ee... cyakora si Interahamwe gusa nabonye, nabonye n'abantu bambaye ingofero za MDR n'iki. Ee... ndakeka yuko ibyo bintu... hari n'abazana amabendera ya MDR mu... iyo Rayon sport yakinnye... ndakeka yuko ibyo bintu ...ntu dukwiye kubivanamo politique, tukabivanamo uturere, tukabivanamo ibintu by'amashyaka. Umuntu akajya mu mupira yambaye umwenda w'umupira, imyenda y'Interahamwe na yo hari baya... hari igihe cyayo cyo kuyambara, ndakeka yuko atari ngombwa iteka guhora umuntu agenda yi... yiyerekana agira ate, cyangwa akoresha ibintu by'iterabwoba.

Ni nk'umugabo witwa KATUMBA muri uwo mupira, KATUMBA wavugaga ngo "igikombe" ngo "bakimene bakigabanemo kabiri" ngo "ariko" ngo i... ngo "Rayon sport" ngo "ye kugitwara yonyine".
Ee... ndakeka yuko ibitekerezo nk'ibyo... ibitekerezo nk'ibyo birashaje, ibitekerezo by'amahane. Iyo abantu bakina baba baje gukina, amahane baba baraza kujya muri urwo.

Maze rero abumva Radiyo RTLM radiyo yanyu, mwari kumwe na HABIMANA Kantano wabaganiriye kuva muri iki gitondo. Ubu rero icyo mu nda kirashaka icyo mu nkono, abafite icyo murya muryoherwe, abatagifite kandi namwe mwihangane burya hahaga ku mutima. Hein? Iyo uriye n'akajumba kokeje, agatoki kokeje... uko njya mbona babigira mu Gakinjiro, hanyuma ukarenzaho umutima mwiza, hanyuma ubundi ugahumeka umwuka mwiza ugaha abandi amahoro, ndakeka yuko wabaho da, kandi ukaramba. Mwirirwe rero, mwumvaga Radiyo yigenga RTLM.

20.8

...u, mu minota cumi n'itandatu biraba bibaye saa tatu... mu minota cumi n'itandatu biraba bibaye saa tatu. Ejo rero sinzi ukuntu navuze ibyo muri Commune Runda, nkivuga ibyo muri Commune Runda, i Runda na ho bumva RTLM, nuko ubwo nari mvuze Ipeji witwa MUTABAZI Selestini... Ipeji witwa MUTABAZI Selestini n'a... n'ibyo akora byose noneho a... abantu baraza bati "yah"! Bati "Kanta" bati "ntabwo ahubwo MUTABAZI Selestini umuzi"! Hein? Bati "uwo mugabo wiyita MUKORUMBONE" bati "ntuzi n'aho akomoka, ntuzi iki". Ati "uwo mugabo akomoka iwanyu i Butare", ati "muri Commune Nyakizu". Hein ? Ati ako... ati "nubwo yaje kutuzengereza hano i Runda ariko akomoka muri Commune Nyakizu". Ati "uwo rero", ati "ubundi yarabanje aza yiyorobeka ari umuntu mwiza", ati "ariko Inkotanyi ziteye reka yumva arakomeye sinakubwira, afata abantu bo muri MDR arafu... e... bo muri MRND abafungira ubusa abaca amafaranga, hanyuma noneho rero muri iyi minsi e... noneho bahimba Asssociation des intellectuels de Runda. Ee? Noneho iyo Association des intellectuels de Runda rero i... igateranira ee... ku kabari, ako kabari rero noneho bakita "Sederi". Hum? Ako kabari bakita "Sederi", noneho ubundi bakaba ari ho bata... bateranira. Yee... ngo hateranira rero ba... Assistants baba Bourgmestres babiri, ba Runda, ha... n'uwo Ipeji nyine MUTABAZI Selestini, n'uwitwa KAMUGISHA Filipo, n'uwitwa Auxile, n'uwitwa KOPENZI François, n'uwitwa NGARAMBE, na BAHIZI Aluvagasta, BAHIZI rero Aluvagasta ukora hano muri Perefegitura ee... ngo ni we Président w'iyo Association des intellectuels de Runda, ariko irondakoko. 22.6

Hanyuma rero ngo uwo MUTABAZI yasabye iminsi cumi n'itanu ya congé, noneho afata inzira agiye mu Nkotanyi, hanyuma kuri Base ahagirira ingorane. Ahagiriye ingorane rero nuko ajya iwabo muri Nyakizu amarayo amezi abiri, hein, amarayo amezi abiri yose hanyuma ayo mezi abiri ahembwa agira ate, nuko... nyuma aza kugaruka arongera yitangirira akazi ntacyo yitayeho. 23.1

Hein? Yigeze rero ngo kuvuga ngo iye... "iyo abonye igihutu agira umujinya". Ibyo ngibyo abivuga Bourgmestre yumva nuko nyuma yaho ngo aza gusaba imbabazi, ngo aza gusaba imbabazi abantu bari bamwumvise, nuko barabire... barabicoca barabyihorera ee... ariko rero

ubwo murumva ko umuntu w'umugabo hari aho yari abikuye.

Ee... nuko rero noneho ubu ngo hari abantu yishyize mu mutwe, ee... ngo ni we rero ngo uta... wa... uhigisha abantu ba PL ya MUGENZI, ayi... ku buryo e... ku buryo Président wa PL ya MUGENZI witwa BIZIMANA ubu basa n'abamuciye mu muryango wabo, ubu rwose ngo ni igicibwa, baramuhiga bikomeye. Hum? Nuko.

Ubwo rero noneho ee... ngo baherutse kwandikira Association des volontaires de la paix, ee... itegekwa na Docteur KAYIJAHO Jozuwe (Josué). Ee... iyo rero ngo ni Association o... ngo irwana ku mahoro, nuko bavuga ngo a... ngo "Abatutsi i Runda" ngo "bamerewe nabi" ngo ibiki byose. Cyane cyane bi... bikoma umu... Umurundi witwa RUBEREGETA Andereya. Hein? Wigisha muri CERAI yo ku Ruyenzi, nuko bikoma n'undi mugabo witwa TWAGILIMANA Jean-Damascène, hanyuma bikoma n'undi witwa UBAYEHO Bonaventure. Uwo UBAYEHO Bonaventure ngo "akaba ari we Président wa CDR aho ngaho i Runda. Abo rero ni abantu nyine ngo "umunsi" ba... "FPR yageze ino" ngo "bazayitungira abo bantu agatoki, hanyuma noneho" ngo "ibahane". Hum!

Mwumve rero uwo Ipeji MUTABAZI Selestini, ukomoka muri Commune Nyakizu ariko akazengereza Abanyerunda, (arimyoje) ni igitangaza. Ahari iyaba umuntu yakoraga iwabo. Uretse ko hari n'abakora iwabo na bo ugasanga uko bitwaye biteye ubwoba, ariko rero cyane cyane ba Ipeji bo... ba Ipeji bo kubera kubonana n'abaturage buri kanya , buri kanya, bari bakwiye kwisubiraho bakiga kwitwara nyine ee... nk'aho bageze. Cyane cyane bakirinda... bakirinda gukabya ahantu hatari iwabo. Guku... gufata abantu ufungira ubusa, ubaziza amashyaka, iki. A... ubwo se nk'abantu bagukoraniyeho bati, wa mbwa we wavuye ahandi utumariye abantu, hum! Utazi n'imiryango ukuntu isa, n'ukuntu ifatanye ubwo waba uzize iki? Ni wowe waba wizize. Hum? Nizere rero yuko MUTABAZI Selestini, Ipeji w'i Runda ukomoka i Nyakizu i Butare ee... azarekera... azaha amahoro Abanyerunda. 25.7

Mukomeje kwumva Radiyo yigenga RTLM, hanyuma mukomeze mwumve umuziki, turagenda tubagezaho n'ibiganiro. Muzi yuko Radiyo RTLM ni ibiganiro bihoraho, ni... a... ni ibintu bi...

bishyushye buri kanya biba bibageraho, ni cyo gituma uwumva RTLM nta na rimwe ashyira radiyo hasi kugira ngo akantu na kamwe katamucika.

Ndabazi rero abantu rwose bagendana RTLM, niyo yajya muri toilette kugira ngo adasanga inkuru ishyushye imuciyeho. Mukomere rero abumva Radiyo yigenga RTLM.

A... Ee... ikinyamakuru kitwa *"Imbaga"*... ikinyamakuru kitwa *"Imbaga"* nimero mirongo itatu n'ebyiri, cyavuze kuri Radiyo RTLM. Kiravuga kiti "Radiyo RTLM nishyire mu gaciro itadukura n'aho twari turi". Ngaho! Hari urushushanyo hano umuntu afite haut parleur yanditseho RTLM, abantu hirya no hino barimo barwana, uhum! (arimyoje) Noneho rero a... barandika ngo "mu gihe twibwira ko ubwo itangazamakuru ririmo kujya mbere ko byatubera intandaro yo kujijuka, Radiyo yigenga RTLM irimo iratujijisha". Uhum!

Mu by'ukuri yifitiye imigambi yayo yo kumaririza abataragiye muri biriya bya mbere. Ngiyo ya miziki ngo "Murwanye izo Nyenzi", "Nditonda ndazicucuma"ni yo isigaye igezweho kuri iyo radiyo.

"Rwose twebwe dutuye akarere katarangwamo ibikorwa bya gisirikare, zone tampon, turasaba dukomeje ufite ubushobozi wese ngo k... bwo... bwo kutwingingira iriya radiyo ko yashyira mu gaciro. Bariya bantu isembura, nitwereke ahandi izasakiranira na bo hatari hano iwacu! Nitubwire ahandi iriya ntambara itegura izabera atari hano turi ngo ni ikigongwe igiriye abavandimwe bacu b'inzirakarengane baherutse kwicwa" ngo "yo ikaba yarahise ikora anketi ikamenya uwabishe ikamucira urubanza ikanaru... ikanarusoma maze abanyamakuru bayo barimo Noheli wiyita Umunyaruhengeri, niba ari byo simbizi, bagahondagura ibigambo badashishoje ingaruka byagira kuri bene wabo".

Hum, (arimyoje)! Icyo kinyamakuru kirakomeza ngo... ngo "ibyo bigambo" ngo "naho umunyamakuru wa RTLM Kantano, ee... ngo ati "njye baranyumvise babimpera shampanye"! Ngaho! Noneho akarangiza avuga ngo "R (une brève interruption) duhanganyeho na Radiyo Muhabura".

Radiyo Muhabura iriho abanyamakuru, ifite ibyo ivuga natwe dufite ibyo tuvuga. Hum? Dushobora no kunyomozanya biramutse bibaye ngombwa ariko ntabwo duhanganye, ntabwo duhanganye. Bafite ibyo bavuga bibashimishije natwe dufite abo tubwira batwumva kandi bishimira yenda ibyo tuvuga, e... cyangwa se bakanabigaya. E... na Muhabura ntikeke ko ishimisha abantu bose, ubwo rero urumva ko twe ntabwo duhanganye. Barakora, bafite icyo bakorera icyo bagamije, natwe turakora dufite icyo tugamije, kujijura abaturage, kubabwiza ukuri.

Kuko muri iki gihe murabona ko abantu... nako si n'iki gihe gusa ariko Abanyarwanda murabazi ko ari Abanyarwanda, ibintu byose bagenda babikubitamo amacenga, mubona amacenga y'Arusha ahantu atugejeje, ahantu atugejeje bandika amazina m... y'umuntu mu Itegeko Nshinga ntaho byabaye ku isi, ibyo byose ari amacenga bagira gute, ngo... ngo barebe ko ba... abantu bakuranamo, bakura abandi ku ntebe bagira gute, biriya byose bya comité z... bya congrès ziterana zimwe zikananirana mu mashyaka ibindi bikanga. Biriya byose bi... bigamije... biba bigamije abantu, haba harimo amayeri, bamwe bakura abandi ku... biriya bya e... bya FPR ivuga iti "PL igipande kimwe, hnum, kirarenganye", na byo birimo amayeri, iki...

Ibyo rero twebwe hano icyo dushinzwe ni ukujya tubitahura tukabibwira abaturage tukababwira tuti "murebe e... FPR mwibaze igituma ishyigikira igipande cya Lando ntishyigikire icya MUGENZI ndetse ikagera aho yandika yuko niba icyo gipande cya MUGENZI kigumyeho iti... kitazajya muri Guverinoma.

Mukamenya MDR, kuki MDR e... i... congrès yo i... y'i Byumba igenda igaterana hanyuma noneho aba... comité yariho bakayirukana. Ee... biterwa n'iki? Donc, ibintu nk'ibyo twe turasobanura. Naho rero abavuga ngo "Radiyo RTLM" ngo "ni iyo gutuma abaturage batemana, njyewe ndababwira yuko ibyo ngibyo byose..., yenda n'uwabyikanze kubera biriya by'i Burundi yaribeshye.

Ni byo koko ibintu by'i Burundi twabivuzeho cyane, twabivuzeho cyane. Hari abari... abavuga ngo "ese" ng " u Burundi" ngo "mubuvugaho cyane mupfana iki"? Abo na bo impamvu babivuga turayizi, impamvu babivuga turayizi ni uko bashakaga yuko bene wabo bihererana abandi ntihagire

ubimenya, ntihagire ugira, noneho bakitunganyiriza imigambi yabo uko bashaka.

Hanyuma se ko nababajije i... u Buganda se bwo bupfana iki n'u Rwanda? Hum? Nta myaka itatu batumajije batuzengereza. Iyo igihugu kirinda kohereza bataillons eshatu mu kindi ngo kijye gufasha abantu e... batari abanyarwa... ba... ba... batari Abagande se ubwo... kuki nta wigeze yamagana mbese ibyo bintu ? Ngo avuge ati ese ati, Abagande baradushakaho iki? Kuki batwoherereza bataillons eshatu ee... mu Nkotanyi? Hum, ahubwo bakabyishimira kubera ko ee... zasunitse zikagera... zikagera i Tumba.

Ariko twavuga tuti "Abarundi nyabuneka abantu barabihereranye, barabamaze, ibintu birakomeye". Ngo "ariko" ngo "mupfana iki n'u Burundi: ngo "ibyo ngibyo" ngo "mwabyihoreye".

Ha... ibyo ari byo byose rero, niba u Burundi ari u Burundi e... tukabuvuga..., abantu nibajye bavuga bati, muravuga u Burundi, kuki se bo babyegeranya n'iby'u Rwanda? Ibyo ari byo byose rero kuvuga ibyabereye i Burundi nta kosa kandi nubwo bamwe babitugayira ariko hari benshi babidushimira. Ubwo rero ndumva kuv... kubona hari abantu babinenga byo birumvikana.

Ariko rero kuvuga ngo "Radiyo RTLM" ngo "irateranya". Ese ko imaze amezi arenga angahe...31.7

**Fin de la FACE B**